REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ubuyozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQ)
Ishami rishinzwe Abakozi (J1 Department)
P O Box 85 KIGALI

ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA

1. Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rw'abasirikare bato ko kwiyandikisha ku turere no ku mirenge bizatangira **tariki ya 11 Nyakanga kugeza tariki ya 9 Kanama 2024**.

2. Ibisabwa:

   a. Kuba uri Umunyarwanda.
   b. Kuba ufite imyaka 18 kandi utarengeje 25.
   c. Kuba ufite ubuzima buzira umuze.
   d. Kuba utarakatiwe n'inkiko.
   e. Kutagaragara ku rutonde rw'abirukanywe mu mirimo ya Leta.
   f. Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire.
   g. Kuba ufite ubushake bwo kwinjira mu Ingabo z'u Rwanda.
   h. Kuba nibura wararangije amashuri atatu yisumbuye kuzamura (O level certificate).
   i. Gutsinda ibizamini bizatangwa.

3. Ibyangombwa bisabwa:

   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cyerekana ko warangije nibura amashuri atatu yisumbuye (O level Certificate).
   c. Icyemezo cy' ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'Umurenge.
   d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

4. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva tariki ya **19 Kanama** kugeza tariki **3 Nzeri 2024** saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

   a. **Mu mujyi wa Kigali**:
      - Mu karere ka Kicukiro ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 mu kuri Sitade ya IPRC Kicukiro.
      - Mu karere ka Gasabo ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 kuri Sitade ya ULK.
      - Mu karere ka Nyarugenge ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2004 kuri Pele Sitade i Nyamirambo.

   b. **Intara y'Amajyaruguru**:
      - Mu karere ka Gicumbi ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 kuri Sitade ya Gicumbi.
      - Mu karere ka Burera ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 ku biro by'akarere.
      - Mu karere ka Musanze ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2024 kuri Stade Ubworoherane.
      - Mu karere ka Gakenke ni tariki ya 25 n'iya 26 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Ngando.
      - Mu karere ka Rurindo ni tariki ya 27 n'iya 28 Kanama 2024 ku kibuga cya Gasiza.

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1